



Mata 2023

ikinyarwanda

# Izere ubuzimaben!

**Ni njye nzira n'ukuri n'ubugingo**

(Yoh 14,6)

**Kontakt:**

Meinolf Wacker  
Kirchplatz 7  
59174 Kamen

Mobil.:

+49-172-5638432  
Mail:  
[meinolf.wacker@go4peace.eu](mailto:meinolf.wacker@go4peace.eu)  
[www.go4peace.eu](http://www.go4peace.eu)

Nshuti bakunzi ba go4peace,

izere ubuzima! Izere ubuzima bwawe, iyi mpano iruta izindi, impano rukumbi, irusha izindi agaciro, impano waherewe ubuntu. Ntiwabwihiityemo. Umunsi umwe wihamagaye mu izina, wasobanukiwe n'uko uri ikinege nta wundi wowe uriho kandi ko waragijwe ubuzima ngo ugire ikindi gikomeye ububyaza. Birashoboka ko waba waranabonye ko Imana ikwiyeraka mu rugendo rw'ubuzima bwawe, yo yatubwiye iti ni njye nzira ukuri n'ubugingo. Bimeze bite se niba inzira yawe yarabayemo ingorane, niba utaragize intangiriro nziza nk'abandi, niba hari byinshi byakugendekeye nabi bigatuma utizera ubuzima?

Muri Afurika bakunda kubara inkuru y'agati gato k'umukindo kakuranye n'ibindi biti ku nkombe y'ikiyaga. Umunsi umwe ngo akana k'akanyamayeri kashyize ibuye riremereye ku mutwe w'icyo gitu ubundi karigendera. Umukindo ngo wakoze ibishoboka byose ngo wigobotore iryo buye. Washakaga kuryikiza kugira ngo na wo utumbagire mu bushorishori nk'ibindi biti by'imikindo byari byegeranye. Ariko birawunanira. Ni ko guhitamo gushora imizi hasi cyane mu butaka kugira ngo nibura ushinge ukomere, uwo muzigo w'ibuye wari uwuriho utawutura hasi. Wize kubana n'umutwaro wari uwuriho. Ngo ubwo mu gihe cy'urugaryi hazaga imiyaga myinshi mu kiyaga, imikindo myinshi yararimbutse. Wa mukindo wari wikoreye ibuye ku mutwe wawo wasigaye wemye.

Kenshi biragora kwigobotora imizigo iremereye. Iyo ntambara kenshi umuntu arayitsindwa. Fata iyo mitwaro nk' ubutumire bwo kubaho. Yibwire yego. Gerageza kuyihobera no kuyinjiza mu murongo w'ubuzima wihaye. Yibonemo icyicundo kigufasha gusimbuka ukagera hejuru hisumbuyeho no kwinjira mu ibanga nyakuri ry'ubuzima bwawe.

Nkiri muto naragigimizaga. Kenshi byanteraga ikimwaro. Umunsi umwe ntangira kujya nshaka uburyo mpindura interuro ku buryo mbasha kuzisoma. Uyu munsi mbona uburyo uyu mwitozo wamfashije cyane kumenya kubaka neza interuro y'icyo nshaka kuvuga. Ni ngombwa kwitoza guhimba udushya: **Izere ubuzima!**

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker